

Kinyarwanda IV

092

06 Oct 2004

14h00 – 17h00

CONSEIL NATIONAL DES EXAMENS AU RWANDA



B.P. 3817 KIGALI - TEL/FAX : 586871

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI
CY'AMASHURI YISUMBUYE 2003/2004**

IKIZAMINI : IKINYARWANDA IV

URWEGO : ICYICIRO RUSANGE

IGIHE KIMARA : Amasaha 3

AMABWIRIZA :

Ikizamini kigizwe n'ibice bine :

- Igice cya mbere : kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 34)**
- Igice cya kabiri : Ikibonezamvugo **(amanota 35)**
- Igice cya gatatu : Imyandikire y'ururimi **(amanota 11)**
- Igice cya kane : Ihimbamwandiko **(amanota 20)**
- Amanota yanditse imbere ya buri kibazo.
- Subiriza mu ikaye yateganyijwe.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Ireme n'intêgo bigomba gutungana.
- Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko.
- Gusiribanga bitwarirwa amanota.

UMWANDIKO

BIHEHE N'IHENE

Mbacire umugani wa Bihehe n'ihene. Izuba ryaracanye, amapfa aratera, ibintu biradogera. Abantu na bo babura hirya no hino. Bamwe batangira gusuhuka no gushaka aho bipfurika. Ibyatsi n'ibiti biruma, biragwengera, amasôoko n'amariba arakama. Ibitungwa bibura icyo birya, birasonza, bitangira gupfa umusubirizo. Muri icyo gihe cy'izuba, bakajya guhaha aho imvura igwa.

Hakabaho isekurume y'ihene ikitwa Ruhaya. Ikarangwa n'icyanwa kirekire n'ibihembe byigondoye. Ibwire izindi hene zose iti "Nimuze twimuke tujye guhaahira muri ririya shyamba rigwamo imvura; turishe ubwatsi butoshye. Iki gihugu nigikira tuzagaruka mu bantu." Ihene zose ziti "Ni uko, ejo tuzagenda, inkoko ni yo ngoma."

Ruhaya iti "Nyabuna, murakomeze umugambi, muyirare ku kababa ejo muzazinduke mu ruturuturu, hakiri amafu" Buracya, ihene zose zirakorana, ziragenda, Ishyamba zirarimena. Zigejeje ku gicamunsi, imvura iradobeka. Ihene zijya gushaka ubwugamo. Zibona iseenga, yari mu rutare, Mahuma yabagamo. Ruhaya izijya imbere. Impyisi izibonye iti "Murakaza neza mboga zizanye." Ihene zirugama, ariko zifite ikidodo, igitima kidiha. Impyisi ibonye ko Ruhaya yuza, irayibaza iti "Mbese urarya uduki?" Ruhaya iti "Ndarya utungucenge" Impyisi iti "urampe nanjye numve" Ruhaya iti "Hinga ngutumirire, bakuzanire nawe bukugereho" Nuko Ruhaya ikurebera inyagazi nto n'amashashi y'ihene yose, iti "Bana banjye, mwumve icyo ngiye kubatuma : ndashaka yuko mujya guca umuti wa mperezayo" Ziragenda zirahera.

Hahita umwanya munini. Ruhaya ibwire impyisi iti "Urabizi, natumye abana b'ibizeze. Hinga nohereze izindi zijye kukuzanira utungucenge" Ikurebera ihene z'amariza izibyaye ubuheta, n'ubwagazi bwa 3, irazibwira iti "Nimugende mujye kuzana umuti wa mperezayo." Ziragenda zihera. Impyisi igategereza, yaheba ikabwira Ruhaya iti "Ohereza izindi, zazindi zatinze" Ruhaya yari izi ko impyisi ishaka kurya abana bayo na za nyina. Ni ko kubwira impyisi iti "Reka nzohereze zose kureba ko imvura igenza amaguru make cyangwa se ko yahise rwose" Ibwire iz'amajigira n'amabuguma zari zisigaye iti "Nimuze mbatume" Ihene ziza zose. Irazibwira iti "Nimugende namwe muncire umuti wa mperezayo" Ziragenda zigumaye. Ruhaya imara umwanya iti "Yewe, ngiye kurora aho imvura igeze, maze nzihamagare zize zigusezereho nibura, dore zatinze" Impyisi iti "Genda uzihamagare nuzibura, ndakurya nta kabuza" Ruhaya iragenda, yihamagaza ubusa, ibura icyayitaba; yigira hirya, irahamagara, yitabwa na nyiramubande. Irakomeza iragenda. Aho bigeze irashibura iriruka, irashwekura. Impyisi biyanga mu nda, ihubuka mu isenga ibona Ruhaya hakurya.

MAHUMA na yo ishyira nzira, amaguru iyabangira ingata, reka si ukwiruka ica ibiti n'amabuye. Ruhaya iza gukebuka inyuma, ibona Nyarupyisi irabubuta inyuma yayo. Ikuramo na yo. Impyisi irayibwira iti "Ntunsiga uranjwa." Biriruka bimara imisozo bifatira indi. Biba bisingiriye ingo. Bihehe iti "Genda shahu, umpenze ubwo, ntuzongera kumpenda ubundi. Haba ku manywa nkurye; haba nijoro nkurye; haba mu gitondo nkurye. Turi kumwe na burya bwa ryari!" Ruhaya na yo iti "Tyaza amenyo ngo uzarya Ruhaya!" Impyisi irataha, igenda ifite umujinya, irakariye Ruhaya. Uko yibutse ibyayo, igakubita agatoki ku kandi. Itinda mw'isenga ryayo. Igeze aho iti "Ngiye kurora Ruhaya" Iraza mu gitondo cya kare. Igera ku ngo z'abantu, igihe agasusuruko kamaze gukwira. Maze isanga Ruhaya iziritse ku musoto w'ikigega. Iravuga iti "Si jye wagushyikira. Mbese noneho, Ruhaya, ko nkwiye, urankizwa n'iki?" Ruhaya iti "Uramaze, undye uko ushaka nta mbabazi nkwaka." Impyisi iti "Ongera umpende ubwenge nka mbere, shahu we." Ruhaya iti "Noneho wanyizigiye, sinjya kureba ngo mbeshye, usanze mboshye. Uranyica nta kabuza ibyo ndabiruzi. Ariko ureke tubanze kwivuga, ni ko abashaka kurwana babigenza." Impyisi iti "Yego, wakwivuga ugiye gupfa, nkanswe jye ugiye kukurya!" Ruhaya irivuga iti "pfu....pfu....pfu....mee...bee..." Impyisi na yo iti "Hm...Hm...Hm...." Abantu barumva barahurura, basanga itararangiza kwivuga. Barayigota, bayita hagati, bayivuzza amahiri, ipfa ityo. **Impyisi ishira amenyo ntishira amerwe. Umwana ukinisha undi amuheka mapyisi. Ibihaanga bibiri ntibitekwa mu nkono imwe. Usuzugura akagabo kakakurisha ivu.**

IGICE CYA MBERE.

A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

(amanota 15)

1. Uyu mugani urangira ute ? (*Impyisi byayigendekeye bite ?
wikwandukura umwandiko uko wakabaye.*) (1)
2. Amapfa avugwa mu mwandiko yatewe n'iki ? (2)
Andika izindi mpamvu 3 wihitiyemo zishobora guteza inzara mu gihugu.
3. Bihehe imaze guhemukirwa no gutorokwa na Ruhaya, yongeye kuyisanga hehe ? Imerewe ite ? (1)
4. Ruhaya n'izayo zose zasanze impyisi hehe ? (1)
Zari zizanywe n'iki ?
5. Andukura interuro igaragaza ibyishimo by'impysisi ibonye ihene ziyisanze iwayo, unayisobanure. (1,5)
6. Ruhaya yabeshye Bihehe ko yaryaga iki yûuza ? (2)
Yayiciraga ayahe marenga ?
7. Garagaza amatsinda 3 y'ihene Ruhaya yohereje n'ibigero binyuranye byari biyagize. (1,5)
8. Ruhaya yakijijwe n'iki impyisi yari iyirukanye ishaka kuyirya ? (1)
9. Uyu mugani mugufi " Ibihanga bibiri ntibitekwa mu nkono imwe " uhuriye hehe n'uyu mwandiko ? Wusobanure mu nteruro imwe. (2)
10. Hari imvugo imenyereye ngo " Kanaka yangiriye impuhwe nk'iza Bihehe " Ese urumva iyi mpyisi yaragiye gusura Ruhaya kubera urukundo n'urukumbuzi yari iyifitiye? Sobanura igisubizo cyawe mu nteruro imwe. (1)
11. Muri rusange, umugani utangira ute ? Urangira ute ? (1)

B. INYUNGURAMAGAMBO

12. Sobanura aya magambo akurikira.

(amanota 12)

- a) iseenga (y'inyamaswa) (1)
- b) Kugenza amaguru make (imvura) (1)
- c) Guca umuti wa mperezayo (1)
- d) Ubwâagazi (1)
- e) Umusoto w'ikigega (1)
- f) Gusuhuka (1)
- g) Kubaangira amaguru ingata (1)
- h) Gukubitira umuntu agatoki ku kandi (1)
- i) Guheeka mapyisi (1)
- j) Inyâgazi (1)
- k) Kuyirara (isake) ku kababa (1)
- l) Guca ibiti n'amabuye (1)

C. IMPUZANYITO

13. **UHEREYE KU MWANDIKO NO KU BUMENYI BWawe BW'URURIMI, Andika amagambo ahuje inyito n'aya akurikira :** (amanota 4)
- a) Imfizi y'ihene yitwa cyangwa.....
Imfizi y'intama bayita.....
Imfizi y'inkoko yitwa..... (2)
 - b) Mu mwandiko impyisi bayita.....cyangwa..... (1)
 - c) Ihene zibyaye ubwa 2 bavuga ko zibyaye.....
Izibyaye ubwa mbere bazita..... (1)

D. IMBUSANE

14. **Andika imbusane z'aya magambo :** (amanota 3)
- a) kugwengera (ibyatsi n'ibiti) ≠..... (0,5)
 - b) gushyira nzira ≠..... (0,5)
 - c) abaana b'ibizeêze ≠..... (0,5)
 - d) haâkurya ≠..... (0,5)
 - e) gutiinda (kumara igihe kirekire) ≠..... (0,5)
 - f) kuzirika (ku musoto w'ikigega) ≠..... (0,5)

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO

15. **Andika ubwoko bw'amagambo akurikira aciyeho akarongo** (amanota 6)
- a) Tujye guhahira muri ririya shyamba rigwamo imvura.
 - b) Ruhaya na yo iti " Ejo muzaze mu ruturuturu".
 - c) Yohereza inyagazi nto n'amashâashi.
16. **Garagaza intego z'aya magambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).** (amanota 10)

- a) Ruhaya iti " ubwo undeba ubu ndarya utungucenge"
- b) Ariko zâa ziindî zâatiinze.
- c) Imvura yaahîse rwose.
- d) Ruhaya iti " Noneho ndagukizwa n'iki ko usanze mboshye ?"

17. **Andika ibicumbi by'izi nshinga zitondaguye.** (amanota 5)
- a) Uranyica ibyo ndabiruuuzi
 - b) Ndaje nanjye umpe ku tungucenge
 - c) Nimugende namwe muncire umuti umvûura.

18. **Andika inteko cyangwa ngenga z'amagambo aciyeho akarongo.** (amanota 4)
- a) « Genda shahu, umpenze ubwa none »
 - b) « Haba ku manywa nkurye »
 - c) « Naho ihene zirayisiga zose »
 - d) Ohereza izindi, zaâ zindi zatinze

19. UBUTINDE N'AMASAKU

(amanota 10)

a) Tandukanya amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso. (5)

- guhuma (amâaso) ≠..... (impyisi)
- guhera (amasaka) ≠.....(kubûra burundu)
- gutuma (kohereza) ≠.....(ivû cyangwa isaazi)
- gushyira (nzira) ≠..... (umuuntu ikiintu)
- (hakiri) amafu (amatôondotôondo) ≠.....(y'amasaka n'imyumbati)

b) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso muri iyi nteruro ngufi. (amanota 5)

Bihehe igera ku ngo z'abantu, igihe agasusuruko kamaze gukwira. Maze isanga Ruhaya iraritse icyanwa, iziritse ku musoto w'ikigega.

IGICE CYA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI

20. Imyandikire yemewe y'IKINYARWANDA.

(amanota 11)

- a) Amagambo y'undi asubiwemo akikizwa n'iki ? (2)
Tanga urugero rw'interuro ngufi.
- b) Akabago cyangwa akadomo kamara iki mu nteruro ? (2)
Tanga urugero rw'interuro ngufi.
- c) Agatangaro gakoresheya ku buryo bubiri. Ni ubuhe ?
Tanga urugero rw'interuro itarenza umurongo umwe bikubiyemo bwombi. (3)
- d) Kosora izi nteruro ukurikije imyandikire yemewe. (4)
impyisi iti : haba mu gitondo, ni mugoroba cyangwa n'ijoro, ejo bundi tuzabonanape nuko ihiga ruhaya kuva mugushyingo kugera mu kuboza kugirango iyirye.

IGICE CYA KANE : IHIMBAMWANDIKO

(amanota 20)

Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko 3 zikurikira uyivanemo umwandiko muremure ufite imirongo 25 y'amagambo 8 umwe umwe.

- 21. Indyarya ihimwa n'indyamirizi (nka Bihehe na Ruhaya). Tanga ingero 4 z'igihe wawukoresha mu buzima bwawe bwa kinyeshuri.
- 22. Abarezi bashimishwa n'abana b'abahanga, bitonda, bibwiriza kandi bakunda umurimo.
- 23. Andika ku mpamvu 4 zatuma usaba uruhusa rwo gusiba amasomo n'uko abakurera bamagana ikinyoma iyo ubabeshye urûsaba.

BLANK PAGE

BLANK PAGE